SPOUTS of Water Rwanda Ltd
KG 622 St 5 (Beside Lemigo Hotel)
Tel: +25 0791446816
Email: rwanda@spouts.org
TIN: 119360952

Umushinga wo Gutanga Imbabura Zirondereza Ibicanwa mu Rwanda

1. Ubusobanuro Ndetse n'Intego z'Uyu Mushinga

Uyu mushinga w'ikigo cya SPOUTS International ufite intego zo kugeza imbabura zirondereza ibicanwa ku miryango ituye mu Rwanda. Ikigo cya SPOUTS kiteguye gukorana n'inzego zose z'ibanze kugira kigeze ku miryango ndetse n'ibigo bihererye mu Rwanda izi mbabura zifite ikoranabuhanga ryo kurondereza ibicanwa.

Mu gutanga ibi bikoresho, uyu mushinga uzibanda cyane cyane ku miryango isanzwe ikoresha amashyiga ya gakondo mu gutegura amafunguro. Izi mbabura zikoranye ikoranabuhunga rituma zibasha kurondereza ibicanwa, kuramba ndetse no kugabanya imyuka ihumanya ikirere ugereranyije n'amashyiga ya gakondo, ibi bituma abazikoresha bagira imibereho myiza.

2. Ibikubiye Mu Mushinga

- *Aho umushinga uzakorera*: Mu Rwanda (Igihugu cyose)
- *Nyir'umushinga* : SPOUTS International
- *Ushinzwe kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga*: AGS Carbon Advisory
- *Kwirinda gutanga ibikoresho birenze kimwe ku mugenerwabikorwa cyangwa gutanga bikoresho ku bagenerwa bikorwa bari baramaze guhabwa ibindi n'undi mushinga*: Buri igikoresho cyizahabwa abagenerwabikorwa kizaba gifite nimero yihariye ikiranga ndetse tuzakorana n'abayobozi b' inzego z'ibanze mu guhitamo ahataragezwe n'indi mishinga itanga imbabura zirondereza ibicanwa
- Uyu mushinga uzubahiriza amabwiriza agenwa na Gold standards ku bijyanye n'intego z'iterambere rirambye
- Abazemera gushyikirizwa imbabura bazaha SPOUTS uburenganizira bwo gucuruza imyuka ihumanya ikirere uyu mushinga wagabanyije.
- Ubwo burenganzira bugomba gutangwa n'abagenerwabikorwa mbere y'uko bakira ibikoresho
- Uyu mushinga uzatangirana umubare muto w'abagenerwa bikorwa
- SPOUTS international izagenda yagura umushinga uko iminsi izagenda yigera imbere

3. Ibyiza Uyu Mushinga Uzageza Kubafatanyabikorwa

Kurondereza ibicanwa: izi Imbabura zikoranye ikoranabuhanga rituma zigabanya ibicanwa byakoreshwaga ugereranyije n'amashyiga ya gakondo mu gutegura amafunguro cg guteka amazi yo kunywa.

Kubungabunga ibidukikije: iyi mbabura izagabanya imyuka ihumanya ikirere (GHG) binyuze mu kugabanuka kw' ibicanwa.

SPOUTS of Water Rwanda Ltd
KG 622 St 5 (Beside Lemigo Hotel)
Tel: +25 0791446816
Email: rwanda@spouts.org
TIN: 119360952

Kugabanya igihe: Igihe abagore bamaraga bajya gutashya kizagabanuka, ndetse no guteka bizihuta. Ibi bizatuma uwo mwanya bawukoresha mu bindi bikorwa byo kwiteza imbere.

Kugabanya imyuka ihumanya ikirere yaterwaga n'amashyiga ya gakondo: Imbabura zirondereza ibicanwa zizagabanya imyotsi ugereranyije n'amashyiga ya gakondo, ibi bizazamura imibereho myiza y'abaturage bitewe no kubarinda cyane cyane indwara z'imyanya yo mu buhumekero.

4. Ibyo uyu mushinga uzafasha mu rwego rwo kugera ku ntengo z'iterambere rirambye (SDG))

Ishusho ya 1: Igishushayo kigaragaza zimwe mu ntego z' iterambere rirambye uyo mushinga uzageza ku bagenerwabikorwa.

5. Amahame Azakurikizwa mu Kurinda Abagenerwa Bikorwa b' uyu Mushinga



SPOUTS of Water Rwanda Ltd
KG 622 St 5 (Beside Lemigo Hotel)
Tel: +25 0791446816
Email: rwanda@spouts.org
TIN: 119360952

6. Ikoranabuhanga ry'ibikoresho Bizatangwa "imbabura"

Iyi gahunda igamije gutanga imbabura z'irondereza ibicanwa zifite imiterere ikurikira:

Uwakoze imbabura)	SSM
Modeli yayo	S26-11E
Ubwoko bw'imbabura	imbabura iri mu icyiciro cya kane (4) Ingano y'imbabura 
Ubushobozi bwo gukoresha neza ubushyuhe/ibicanwa (%)	53.4% (ku mbabura ifite urugara)

7. Uburyo bwo Gutanga Ibitekerezo no Gukemura Imbogamizi Abagenerwa baba Bafite ku Mushinga

SPOUTS International izashyiraho uburyo bunoze bwo kwakira ibitekerezo, inyunganizi, ndetse n'imbogamizi zijyanye n'uyu mushinga. Ibi bizajyana no gutanga imyirondoro y'abantu bashobora kwakira ibitekerezo bitanzwe n'abafatanyabikorwa kuri uyu mushinga.

Ku bijyanye n'aderesi imeli (email), uyu mushinga uzayitangaza kugira ngo abafatanyabikorwa batange ibitekerezo byabo. Igitabo kizajya gikomeza kwakira ibitekerezo n'ibibazo kizashyirwa ahantu hemejwe hagerwaho n'abafatanyabikorwa bo mu gace.

Ufite ikibazo cyangwa igitekerezo watwandikira kuri:

Ronald Ampaire
Global Carbon Specialist, SPOUTS International
ronaldampaire@spouts.org

SPOUTS of Water Rwanda Ltd
rwanda@spouts.org / patrickrukundo@spouts.org